RDB | RWANDA DEVELOPMENT BOARD

ITANGAZO

Hashingiwe ku byemezo by'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 18 Mutarama 2021 ku birebana n'amabwiriza yo kwirinda ikwirakwira ry'icyorezo cya COVID-19, harimo n'areba ubukerarugendo, Urwego Rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) ruramenyesha abantu bose ibi bikurikira:

1. Ingendo zijyanye n'ubukerarugendo ziremewe mu Mujyi wa Kigali no hagati ya Kigali n'izindi Ntara n'Uturere, hubahirizwa amabwiriza yo kwirinda COVID-19.
2. Abagenzi bose, baba abinjira cyangwa abasohoka mu gihugu, bagomba kugaragaza icyemezo cy'uko bapimwe COVID-19 hifashishijwe uburyo bwa RT-PCR mu masaha atarenze 120, mbere yo kuza cyangwa kugenda, kandi batayirwaye.
3. Hoteli zakira abaturutse mu mahanga by'igihe gito zizakomeza gukora hubahirizwa amabwiriza yo kwirinda COVID-19. Urutonde rwa hoteli zemewe ruboneka aha: Urutonde rwa hoteli zemewe
4. Ibikorwa by'ubukerarugendo, harimo no gusura Pariki z'Igihugu, Ingoro ndangamurage, ahantu nyaburanga ho gutemberera ndetse no gusura imijyi bizakomeza mu gihugu hose, haba ku banyamahanga cyangwa abatuye mu gihugu, mu buryo bwubahiriza amabwiriza yo kwirinda COVID-19. Abatanga serivisi zifasha ba mukerarugendo basabwa kumenyesha RDB gahunda zabo ndetse n'inzira bateganya kunyura
5. Abagenzi, ubariyemo n'abashoferi, basabwa kuzuza inyandiko isaba uruhushya rw'inzira iboneka aha www.visitrwanda.com/domestic-tourists-facilitation-form/ bagashyiraho kopi z'ibyemezo by'uko bipimishije COVID-19 kandi batayirwaye, bakabyoherereza visitrwanda@rdb.rw hasigaye nibura amasaha 24 ngo batangire urugendo.
6. Ibigo by'ubukerarugendo bisabwa gusabira abakozi babyo uruhushya rw'inzira byuzuza buri cyumweru inyandiko iboneka aha https://www.visitrwanda.com/domestic-tourists-facilitation-form/ bakayoherereza visitrwanda@rdb.rw hasigaye nibura amasaha 24 ngo batangire urugendo.
7. Hoteli zemerewe kwakira gusa inama za ngombwa, zibanje kubiherwa uruhushya rwanditse na RDB. Impushya zo kwakira inama zisabirwa kuri info@rcb.rw

RDB iributsa abantu bose ko bagomba kubahiriza amabwiriza y'isuku no kwirinda yatanzwe na Minisiteri y'Ubuzima hagamijwe kurwanya ikwirakwira ry'icyorezo cya COVID-19.

Bikorewe i Kigali, kuwa 20 Mutarama 2021

RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB)/CEO

Clare AKAMANZI
Umuyobozi Mukuru wa RDB